



ITORERO RYA PENTEKOTE RY'U RWANDA ITORERO ADEPR

ITANGAZO RYO KUGURISHA MU CYA MUNARA

Itorero ADEPR riramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko rishaka kugurisha mu cyamunara imitungo yaryo igizwe n'ibinyabiziga bikurikira:

NO	IMODOKA	UBWOKO	NO	MOTO	UBWOKO
1	RAA647 A	CAMION VOLVO TBII	1	RC 160 E	MOTORCYCLE SUZUKI TF 125K5
2	RAA811 A	CAMION VOLVO HAMAR N12	2	RC 161 E	MOTORCYCLE SUZUKI TF125K5
3	RAA340 C	CAMION VOLVO NL10	3	RC 157 E	MOTORCYCLE SUZUKI/TF 125
4	RAC 998 W	JEEP TOYOTA RAV4	4	RC 158 E	MOTORCYCLE SUZUKI/TF125
5	RAC 058 E	JEEP GREAT WALL/ HAVALH5	5	RC 156 E	MOTORCYCLE SUZUKI/TF125K5
6	RAB535W	JEEP TOYOTA RAV4			
7	RAC976Y	PICK-UP NISSAN HARD BODY			

Cyamunara izakorerwa aho ibyo binyabiziga biherereye mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Gisozi, Akagali ka Musezero, Umudugudu wa Ntora kuri Dove Hotel.

Gusura ibyo binyabiziga ni kuva taliki ya 18/09/2024 kugeza 24/09/2024 mu minsi no mu masaha y'akazi kuva saa tatu (9h00) kugera saa kumi n'imwe (17h00).

Uwifuza gupiganwa mu cyamunara agomba kuba yagejeje mu bunyamabanga bukuru bw'Itorero ADEPR bitarenze ku wa 24/09/2024 ibi bikurikira:

1. Inyemeza bwishyu y'amafaranga adasubizwa ibihumbi icumi y'u Rwanda (10,000 frw) kuri konti N° 00040-00675187-03 yitwa **ADEPR Yubile** iri muri **Banki ya Kigali (BK)**,
2. Fotocopi y'indangamuntu ndetse akiyandikisha ku rutonde rw'abazapiganwa,
3. Ingwate ya sheki (chèque) y'ibihumbi Magana atanu (500,000frw) yatanzwe n'imwe muri banki zemewe mu Rwanda isinyweho n'ubuyobozi bwa Banki bwemeza ko izigamiye, isubizwa igihe uwapiganiwe atatsinze cyangwa yatsinze akishyurira ku gihe kivugwa muri iri

tangazo. Uwatsinze ntiyishyure mu gihe cyateganyijwe ntasubizwa iyo ngwate, ahubwo amafaranga ayiraho ahita aba ay'Itorero ADEPR;

Abujuje ibimaze kuvugwa haruguru nibo bonyine bemerewe gupiganwa mu cyamunara, icyamunara kizabera kuri Dove Hotel aho ibyo binyabiziga biri ku wa 25/09/2024 saa tatu (9h00) za mugitondo. Uwatsindiye ikinyabiziga agomba guhita yishyura amafaranga yose cyangwa akishyura 70% by'agaciro k'ikinyabiziga yatsindiye kuri compte yavuzwe haruguru naho andi mafaranga asigaye angana na 30% nayo akishyurwa kuri iyo konti bitarenze iminsi itatu (3) uhereye igihe cyamunara yabereye. Umaze kwishyura ashyikiriza inyemezabwishyu umukozi w'Itorero ADEPR ubishinzwe, atabyubahiriza hagafatwa uwatanze igiciro gito kuri we kandi ingwate ye ntayisubizwe, kandi uwatsindiye ikinyabiziga agomba kugitwara bitarenze iminsi ibiri (2) amaze kwerekana ko yishyuye amafaranga yose y'ikinyabiziga yatsindiye.

Icyitonderwa: Itorero ADEPR rifite ububasha busesuye bwo gusesa icyamunara ku binyabiziga runaka mu gihe nta numwe mu bapiganwe wagejeje ku giciro fatizo cy'icyo kinyabiziga.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri numero 0783820683 cyangwa kuri 0783050882.

Bikorewe i Kigali ku wa ...17.../09/2024


Pastori Herman BUDIGIRI
Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Itorero ADEPR